Twavukiye gukina!

Graham Daniels
& J Stuart Weir

Mwishimire mu byiringiro
Mwihangane mu makuba
Musenge ubudasiba

Kuri Ray na Annie Petre
Mu rugo rwabo, aho umurimo munini wo
kwandika iki gitabo
wateguriwe kandi ugakorerwa

1. Ni ku wa Gatandatu!

"Imana yandemye imfitiye umugambi kandi yampaye kwihuta. Iyo ndi mu isiganwa, numva nishimiye muri we"

Eric Liddel mu gitabo "Chariots of fire

Ni kuwa Gatandatu mu gitondo. Urabyutse, uribajije maze urisubiza uti : « *Nibyo, ni kuwa gatandatu, mfite umukino nyuma ya sa sita.* » Wamaze kwiragiza Kristo kandi ukunda umuryango wawe ndetse n'umurimo wawe. Gahunda iri i saa Cyenda ku wa ! Gatandatu nyuma ya saa sita, uratashye uguwe neza mu buryo budasanzwe. Iyi gahunda yahindutse kuri wowe umwanya w'agaciro ganini mu cyumweru. Wavukiye gukina. Niba nawe ujya ugira ibi bitekerezo cyangwa niba warigeze kubaho muri ubu buzima, iki gitabo nawe ni icyawe.

Uracyafite wenda intambara zo gusobanukirwa urwego ugezeho mu gukunda imikino nk'umukristo. Nta gihe wumva uguwe neza kuri iyi isi nk'iyo uri ku kibuga cy'umupira w'amaguru urimo gukina. Umunezero wumva ufite iyo ufashe umupira n'uburyo witwara kugira ngo mu kanya gato ushobore gutanga umupira mu buryo butuma haboneka igitego cy'agahebuzo ; akenshi wumva ari gihe gihebuje ibindi bihe byose.

Ibyo bishoboka gute ?

Abantu benshi muri twe bibwira ko babaho mu buzima bubiri. Mu ikipe yacu y'umupira w'amaguru, tuzi neza y'uko turi abakrristo kandi twirinda kubeshya, kurahira cyangwa no gusinda. Nyamara k'urusengero abantu bibwira ko twiyeguriye umupira kuruta Kristo. Ubwo buzima bubiri busa nk'imibereho ibiri itandukanye. Dusanga byoroshye kuba umukristo ku Cyumweru ariko bigakomera cyane kuwa Gatandatu nyuma ya Saa sita. Ese tugomba guhagarika gukina ? Nyamara dukunda gukina. Kuva kera Siporo ifite umwanya munini mu buzima bwacu.

Dufite ibyo dukora mu itorero ry'akarere. Buri gihe twitabira amateraniro, dutanga amafranga yacu kandi dushishikazwa no kuboneka mu byumba by'amasengesho kuburyo turi intangarugero. Birashoboka ko ari byiza, birashoboka ko atari byiza !

Cyangwa se, dukunda siporo kandi dukina kubw'ikipe ya Basikete. Nibyo, rimwe na rimwe wumva hari abantu batishimira umwanya uha siporo. Yohana yifuza kureka inshingano ze kubw'itorero kuko ibyo bizamunezeza. Keretse ariko utari umukinnyi ugomba gusiga umuryango we rimwe na rimwe hagati mu cyumweru. Byagorana cyane gutinyuka kuvuga ko utazaba uhari. Urabizi neza ko utari umwigishwa gito wa

Yesu Kristo nubwo uri umukinnyi. Ariko ni gute twabana n'ibyo bibazo ?

Iki gitabo gitangira gikora ikigereranyo cy'ibyo bibazo mu kugufasha gushaka ibisubizo ku bibabazo bikurikira : « Ese haba hariho uko abakristo babona Siporo ? Impano yacu yo gukina ituruka ku Imana ? Ese Imana yita ku muntu ubonye intsinzi cyangwa ku buryo umuntu arimo gukina ku kibuga ?
Twemera rwose ko umuntu ashobora kuba umukristo muri iyi si y'imikino bitabaye ngombwa ko aba umukristo gito cyangwa umukinnyi mubi. Iki gitabo kirashaka kwerekana ko nta mpamvu iriho itubuza gukina iyo turi abakristo cyangwa cyangwa kutitwara nk'abakristo iyo turi abakinnyi.

Igitekerezo

Tekereza uko byagenda iyaba hashoboraga kubaho Umukiristo uhagarariye Yesu Kirisito muri buri kipe agerageza gusa kwitabira ibikorwa by'ikipe ye. Ihereho wowe noneho mu ikipe yawe.

Impaka

Niba niyemeje guhagararira Kiristo mu ikipe yanjye, ni gute icyo cyemezo kizahindura imyitwarire yanjye mu bijyanye na Siporo

Umukoro

Senga mbere yo kujya muri buri marushanwa cyangwa mbere ya buri myitozo aho koko uzajya guhagararira Yesu Kirisito.

2. Ese Imana ikunda Siporo ?

> *Mu ntangiriro Imana yaremye ijuru n'isi……*
> *Imana ireba ibyo yari imaze kurema ibona ko ari byiza.*
>
> *Intangiriro 1 :1,31*

Umugoroba umwe mugihe cy'impeshyi i Gothenburg mu mwaka w'i 1995, Yonatani Edwards yateguraga amarushanwa ya nyuma yo mu rwego rw'isi mu gusimbuka (Triple saut). Nk'umuntu umenyereye amarushanwa yo gusimbuka, Yonatani yumvaga neza ari bubone umudari. Habaye ibirenze ukwemera. Koko yatsindiye umudari wa zahabu, ariko ntibyagarukiye aho gusa. Yasimbutse ahantu harehare ageza kuri mtero 18, 16 maze yongera kwandika umuhigo mushya muri siporo mu rwego rw'isi. Ubwo yasimbuka iyo nshuro, yashoboye kurenga ku muhigo yari asanganywe mu rwego rw'isi, maze yandika undi muhigo w'agatangaza wa metero 18,29 z'uburebure !

Nk'umukirisito, Yonatani yashimye Imana muri uwo mwanya nyamara hari ikibazo : Ese Imana yabifashe ite ? Ese Imana yishimiye Yonatani ?
Niba ushaka kumenya icyo Bibiliya ivuga k'ubusambanyi, ntabwo bikomeye. Mu mategeko icumi, Imana yavuze ko ari bibi. Uzasoma :« Ntuzasambane » Kuva 20 :14. Ubwo butumwa bukomeza kugaruka kenshi muri Bibliya. Mu bitabo binyuranye bisesengura Bibiliya, ushobora

kubona imirongo yindi isaga mirongwitanu ihana ubusambanyi. Ni ibintu byigaragaza.

Nyamara, kugirango usobanukirwe uburyo Imana ibona Siporo, tugomba kwita ku mahame mva bibiliya asobanutse maze tukayakoresha muri Siporo nk'uko n'ubundi dushobora kubikora ku kindi gikorwa gisanzwe mu buzima tuba tugiye kubamo.

Igitabo cy'Itangiriro ni cyo gitabo cya mbere cyo muri Bibiliya kandi mu bice bibiri byacyo bya mbere cyerekana ishusho nziza yo kuremwa ku isi. Imana ni yo yaremye ibontu byose tubona mu isi ndetse n'amateka ahora ahamiriza buri gihe ati : « ibyo byari byiza ». Ibyo bice byandikiwe kugirango bigaragaze ikuzo n'icyubahiro by'Uwiteka. Ibyo nitubisobanukirwa bizazana impinduka mu buzima bwacu mu mibanire yacu n'Imana. Dusobanukirwa ko tugomba guhesha icyubahiro Uwiteka mu bintu byose n'igihe cyose.

Imana ikunda imikino

Imana niyo yaremye Siporo? Igisubizo ni yego na oya. Ni byo koko Imana ntabwo yaremye Siporo, ahubwo siporo yazanywe n'abantu. Ntabwo ari Imana yabanje gufata umupira mu ishuri rya siporo ngo itangize umupira w'amaguru. Imana siyo yaremye imikino tubona,

ariko yaremye abantu ibaha ubushobozi bwo kwiruka, gusimbuka, kunaga cyangwa gufata. Siporo ni imikino yateguwe aho twitoreza gukoresha impano Imana yaduhaye.

Siporo yigaragaza mu buryo bubiri dukurikije uko Itorero rya Gikristo riyibona muri iki gihe. Guturuka mu gihe cy'ububyutse bwo mu kinyejana cya XVI na XVII nyuma yaho. Abakirisito barwanyije cyane igitekerezo cyo kujya muri Siporo. Ibyo byaterwaga ni uko ku ruhande rumwe, igikorwa ubwacyo cyasaga nk'icyaha, k'urundi ruhande siporo yagereranywaga n'icyaha kubera y'uko urubuga rw'imikino rwari rwihariwe n'abantu batari abakristo bahora mu businzi, mu kwiyandarika ndetse bibajyana mu mwuka wo guhangana no kurushanwa. Iyo mpamvu yari ihagije kugirango wumvishe umukristo ko akwiye kwirinda Siporo.

Ubundi buryo budakwiye ni ubwo kubona siporo nk'igikoresho gusa cyo kuvuga ubutumwa. Ni byiza ko Abakristo bakina mu rwego rw'ivugabutumwa. Igikorwa ubwacyo nta mumaro gifite.

Ni ukuri ko mu bijyanye n'imikino ni ahantu rwose Imana yibagiranye. Mbese ntutekereza ko n'ibindi bice bijyanye n'ubuzima bwacu bishobora kurebwa muri ubwo buryo? Nk'igikorwa kidushoboza gukoresha impano n'inararibonye Imana yaduhaye, siporo ifite

agaciro n'ubusobanuro nk'ibindi bikorwa bikorwa n'abantu.

Ikindi, byaragaragaye ko mu bijyanye n'imikino habonekamo amahirwe menshi yo kubwiriza. Ayo mahirwe tuyafatisha amaboko abiri n'ubwo atariyo mpamvu yonyine isobanura impamvu dukora siporo. Kujya muri Siporo biremewe nk'uko ushobora kujya mu bindi bikorwa bijyanye n'ubuzima busanzwe.

Ni ikihe gisubizo twaha ikibazo twatangiriyeho ? Imana inezezwa na Yonatani utegura umubiri we kugirango ashobore gusimbuka ahantu hatigeza hasimbukwa n'undi muntu ku isi ? Igisubizo cyacu ni *« Yego »*. Imana yaremye Yonatani kandi yamuhaye impano yo kwiruka, gusimbuka birenze uko tugenda ndetse n'ibyo twiringira.

Imana ikunda Yonatani umunsi yatsinze n'umunsi yatsinzwe. Nkuko Yonatani yabivuze : *« Kuba umubiri w'umuntu ushobora gusimbuka Metero 18,29 ni ubuhamya bw'umurimo w' Imana Rurema iyo dukorera. Ahubwo ntekereza ko ari uburyo twitwara imbere y'intsinzi cyangwa imbere yo gutsinda. Na none ni imyitwarire yacu imbere y'abo turushanwa. Imana yihawe icyubahiro mu burebure bw'ugusimbuka maze kugeraho .»* Yonatani yakoreshe impano ze, umutima we uri hejuru ya byose mu kunezeza Imana yamugize kuba uwo ari we. Imana yishimira cyane iyo mibereho

yihariye y'ikiremwa cyayo. Ibyo tuvuga aha ku cyamamare mu mikino ntabwo ari ibyihariwe n'abakinnyi bigezweho, ahubwo bireba buriwe wese ufite impano yo gukina. Ibyo ni byo tugiye gutekerezaho mu gice gikurikira.

Igitekerezo

Imana yaguhaye impano zo gukoresha muri siporo !

Impaka

Ni kuki Itorero rifata ukuririmba nk'impano ituruka ku Imana nyamara ntiribone siporo muri ubwo buryo ?

Igikorwa

Ushobora gushima Imana kubera inararibonye mu mikino yaguhaye. Genda ku kibuga maze uyikoreshe kubw'icyubahiro cyayo.

3. Imbere y'umufana utazwi

> Imana iravuga iti :"Tureme abantu basa natwe, bameze natwe maze bategeke isi yose: amafi n'inyoni n'ibisiga, n'amatungo n'ibikurura inda hasi"
>
> Intangiriro 1.26

« Nkiri ingimbi , ndibuka umunsi nagiye gukina rugubi. Wabaye umunsi ukomeye cyane mu buzima bwanjye.
Hari igihe cy'amarushanwa yo mu bwongereza. Nari nataye umutwe, mfite ubwoba bw 'uko ntari bukine neza kugirango bashyire ku rutonde rw'ikipe y'igihugu. Abantu benshi bari baje kureba uwo mukino, ariko muri abo bantu bose, nabonagamo gusa umuntu umwe : Umubyeyi wanjjye. Yari yaje kureba umukino wa mbere ngiye gukina. Kuba yari yaje byari byampungabanyije mu buryo bubiri : Nagomba ubwa mbere gukina neza kugira ngo munezeze kandi mutangaze. Ubwa kabiri, nari nzi ko nindamuka mpuriye n'ingorane mmu kibuga, ni ukuvuga ngakina umukino mubi ntigeze, nabwo mama yari kuza akandambika ibiganza ku rutugu, akampobera aambwira : « Alex, uri umuhungu wanjye, ndagukunda cyane ! »
Alex Harris, aylesbury Rugby Club

Ikibazo kiri hagati y'indangagaciro za gikristo n'indangagaciro z'imikino akubiye muri iki

kigereranyo « Uracyari mwiza nk'uko wari ubwo uheruka mu kibuga »

Abakinnyi bakura indangakamere yabo mu mukino baba barimo gukino. Baba bagize ingingo z'ikipe kugirango bakine mu buryo bunezeza umutoza hamwe n'abaje kureba umukino. Niyo mpamvu abakinnyi b'ibyamamare bageze k'urugero ruhanitse muri Siporo bakunda kugaragara nk'abirasi kuko bibwirako ubushobozi bwabo babukesha inararibonye yabo. Ikibazo ni uko umukinnyi uzamuye ikipe ye ikayigeza ku intsinzi, mu kindi cyumweru ashobora guhushwa uburyo bwiza bwo gutsinda bityo agatuma batsindwa mu cyumweru gikurikiyeho.

Ese ibyo ni iki bikora ku ndangakamere y'umukinnyi? Niba indangakamere yawe ishingiye ku byo abantu batekereza ku bushobozi bwawe, icyo gihe ubuzima burangwa n'ihindagurika z'indangagaciro.

Icy'ukuri, ni uko umukinnyi w'icyamamare w'Umukristo hari igihe nawe agwa muri uwo mutego. Akenshi dukunda kwita ku byo abantu bavuga ku bushobozi bwacu. Duhura n'ibituma tujya hejuru cyangwa hasi nk'abandi bantu bose baba bari mu ikipe. Icyakora Bibliya itwigisha ko hari uburyo bunoze dukwiye kubona ibintu.
Kugirango dusobanukirwe ibyo, ni byiza gusubira mu gitabo cy'Itangiriro aho dusoma ko

abaagabo n'abagore baremwe kugirango bategeke isi bayobowe Imana.

Nuko Imana iravuga iti:"Tureme abantu basa natwe, bameze natwe maze bategeke isi yose: amafi n'inyoni n'ibisiga, n'amatungo n'ibikururа inda hasi" Intangiriro 1.26

Waba warigeze kwibaza impamvu Imana mu mategeko icumi yihanangije ikomeje kutarema ikintu cyose cy'igishushanyo cy'ikigirwamana (Kuv. 20.4)? Ni uko mu Intangiriro 1.26 itwigisha ko hariho kuri iyi si ishusho y'Imana: Ni wowe nanjye! Kuv. 20 birabujijwe kurema ikintu icyo ari cyo cyose, nk'urugero ikigirwamana cyangwa ishusho cyangwa inyubako; ngo tubishyire ahantu tuzajya tujya guhimbariza Imana.

Kunezeza Imana, umuremyi wacu, ntabwo bihagarikwa n'igihe cyangwa ahantu aha n'aha tuba dyhagaze imbere ishusho cyangwa ikibumbano cyangwa twinjiye mu inyubako. Nk'abaremwe mu ishusho y'Imana, dufite inshingano yo kujya hejuru y'ibiremwa byose mu mwanya w'Imana igihe cyose.(Intangiriro 24:7) Ibyo bishatse kuvuga ko ahantu hose tujya tuba turiho gukoresha iminota y'igihe cyacu. Muri ibyo hari imyitozo ku kibuga cya Siporo, guhindura umukino, gukina. Ibyo bizana umunezero, no kwishimira umukino.

Ikintu cy'ingenzi mu mikino ntabwo ari ubwinshi bw'abaje kogeza cyangwa ubuhangage bwacu, ahubo ni inshingano yacu yo guhesha Imana icyubahiro mbere na mbere, nyuma hakaza abandi! Uko ni ko bimeze kuri Alex. Yari azi neza ko umubyeyi we ari ku kibuga cy'Imikino, nyuma akazirikana n'abandi baje kogeza, nubwo harihari abaje gutoranya abakinnyi bo kujya mu ikipe nkuru. Uko ni ko natwe tugomba natwe gukina imbere y'uwo ukwiye kumenywa.

Ni ukugira ngo tunezeze Imana, yo yaduhaye ubuzima kandi ikaturema mu ishusho yayo kugirango dushobore gutegeka mu mwanya wayo no mu butware bwayo. Ni yo izi ibiba bidushishikaje iyo turimo gukiina. Dukwiye gukina imbere y'uwo ukwiye kumenywa: Imana.

Impano

Iyo, nk'abakristo, dusobanukiwe ko ubushobozi bwacu muri Siporo ari impano ituruka ku Imana tugira ubutwari bwo gukoresha neza inararibonye yacu kugirango tunezeze Imana yonyine; kuko tuzi gusa ko ari umwami n'umukiza w'isi. Ni Imana idukunda cyane. Tugomba kuyitura inararibonye yacu yose, n'ubushobozi bwacu nk'igitambo cy'ishimwe. Ibyo bishatse kuvuga ko twitanga tugakoresha imbaraga zacu zose kugeza ku iherezo kabone niyo twatsinda cyangwa twatsindwa.

Twese tuzi neza integer nke z'abantu, niyo mpamvu akenshi twisanga tutari ku murongo kandi akenshi tukibeshya hagati yacu ariko iyo Imana iri mu ruhande rwacu, tubona igihe cyose uburyo bwiza bwo kugira icyo dukora. Ntabwo dukwiye kugira isoni zo kurushanwa iyo turi ku kibuga, icyakora dukwiye gukora ibishoboka byose kugirango tunezeze Imana kandi tuyiheshe icyubahiro aho kwishakira icyubahiro cyacu.

Bishatse kuvuga iki : Kunezeza Imana? Igice cya kabiri cy'igitabo cy'Intangiriro cyerekana amahame abiri yihariye agomba gukoreshwa muri Siporo. Ihame rya mbere ryerekana uburyo dukwiye gukoresha inararibonye yacu, naho irya kabiri rikerekana uko dukwiye gukoresha ubucuti.

Ubundi buryo bwo gusobanura iyo miterere itandukanye y'ukuba turi abahagarariye Imana kuri iyi isi dukoreshe inararibonye yacu mu mikino ndetse no kuba tuzwi, ni mu magambo make kwibuka ibyo Yesu yibukije ku Mategeko Cumi y'Imana, nk'"Itegeko rya Zahabu" muri aya magambo:"Ukunde Nyagasani Imana yawe n'umutima wawe wose n'ubuzima bwawe bwose, n'ubwenge bwawe bwose. Iryo ni ryo tegeko ry'ingenzi riruta ayandi yose. Irya kabiri rimeze nka ryo ni iri: Ujye ukunda mugenzi wawe nk'uko wikunda."

Matayo 22.37-39

Tuzibanda kuri ayo mahame abiri mug ice gikurikira.

Igitekerezo

Naremwe mu ishusho y'Imana. Ndi umuvugizi wayo mu ikipe y'umupira ndimo, haba ku mwanya ndimo ku kibuga, haba ku ntebe y'abasimbura, mu imodoka cyangwa turimo kwiyakira, muri make ahantu hose.

Impaka

Ese aho haba hari ingorane y'uko Siporo ishobora kutubera ikigirwamana? Ni iki twakora kugirango Siporo dukomeze kuyibona mu buryo bukwiye?

Umukoro

Baza Imana icyo itekereza ku buryo witwaye mu mikino uyu munsi mbere yo kwibaza icyo bagenzi bawe batekereza ku ubushobozi bwawe.

4. Umurimo w'akataraboneka !

> Uhoraho Imana ashyira umuntu mu busitani bwa Edeni kugira ngo abukorere kandi ubufate neza.
>
> Intangiriro 2.15

“ Ntekereza kuri buri ntambwe y’ubuzima bwanjye nk’umukristo. Imana yandemany impano mfite. Ntekereza ko ubu ngubu ndimo gukoreresha neza impano zanjye z’umupira w’amaguru kugira ngo nkorere Imana igihe ntanga umupira ndetse n’iyo ninjije igitego.” Al Kennedy, Uwahoze ari umukinnyi w’Ishuri Kaminuza rya Cambridge.

Iyo dutekereza ku murimo, dukwiye na none gutekereza aho duteganya gushora imbaraga zacu mu masaha 40 y’akazi buri cyumweru kugira ngo tubone amafranga azadushoboza kubaho.

Amateka y’iremwa ry’isi aduha ishusho nini kandi nziza y’umurimo aduhishurira Imana ikunda gukora, kandi, nk’uko tubibona mu Isezerano Rishya, yohereje umwana wayo ari umwubatsi! Igitabo cy’Intangiriro kitwereka ukuboko kw’Imana irimo kurema isi, iyo tubamo muri iki gihe. Imana ikunda umurimo!

Imana yahaye Adamu inshingano kugirango akoreshe impano ze kandi yite ku isi. Ni mu iyi he Si ubamo ? Mu isi y’imikino.

Intangiriro 2.14 hasobanura ko uburyo bwacu bwa mbere bwo kunezeza Imana ni ugukoresha impano zacu kugirango tuzishyire ku mu murimo w'Imana kandi twite ku isi y'imikino.
Uwiteka Imana yafashe umuntu maze imushyira mu ingobyi ya Edeni kugirango ayihingire kandi ayirinde. Uwo ni wo murimo Imana natwe iduhamagarira! Niba inararibonye yacu muri Siporo ituruka ku Imana, ni ibintu byumvikana rero ko tuzikoresha gusa ku bwo kunezeza Imana yonyine kandi ari nako dukomeza gufata neza iyi si twita "iy'abakinnyi"

Inshinga zikoreshwa mu murongo wa 15 "gukorera, gufata neza, guhingira" zitwereka ko dukwiye kujya mu ruhande rw'umurimo w'Imana dukorera iyi si. Twaremewe guhagararira Imana, tukerekana ishusho yayo, dukoresha impano zacu nk'igikorwa cyo guhimbaza kugirango tuyihe icyubahiro. Tekereza buhoro ku ingaruka z'ibyo byose muri Siporo.

Penny Heyns, umunyafurika yepfo ufite umudali wa Zahabu mu koga mu mikino ya Olimpiki yemera akomeje ko " igihugu cyose cyahindutse kuri njye icyumba cy'ishuli aho Imana inyigisha ibintu byinshi ku inararibonye yayo ndetse no ku byo kuyizera. Nkunda cyane uburyo numva mpindutse iyo monye intsinzi mu koga. Nzi neza ko ubuzima bwanjye n'umutima wanjye

mbiragiza Imana buri gihe ngiye koga. Ubwo nibwo buryo bwiza bwo guhimbaza nshobora gutura Imana. Ndibuka irishanwa rimwe aho nari naniwe cyane maze niyungura igitekerezo " ngiye kujya njya hejuru, ubundi nibire noga, mpimbaza Imana yanjye kandi nyihimbarisha ubushobozi bwanjye mu koga" mu byiringiro byo gukora igice cy'igihe cyari gisigaye.

Kunezeza Imana ntabwo bigaragazwa n'ibyo abandi bavuga ku inararibonye yacu. Nta nubwo ari n'ibikombe tugomba gutsindira. Ahubwo ni ugukoresha uko bishobotse kose inararibonye yacu kandi mu buryo bwiza bwo guhimbaza Imana.

Kuva kera, numva abatoza b'amakipe yagize umupira w'amaguru umwuga bagaya kandi bakababazwa n'igikorwa kidasanzwee cyo kubona umukinnyi wahindutse umukristo. Bibwira yuko uwo mukinnyi agiye gutakaza urukundo yakundaga Siporo maze atakaze ubushobozi bwe nk'umunyamarushanwa. Ibyo biterwa buri gihe n'ubusobanuro bubi baha ubukristo.

Amahirwe ya mbere

Abakinnyi b'abakristo basobanukiwe neza uburyo bwo gukoresha inararibonye yabo kubw'icyubahiro cy'Imana bakwiye ahubwo kwitanga ndetse bagashyigikirwa mu mikino no

mu makipe yabo, kubera ko baba bafite amahirwe y'akataraboneka yo kubikora kubw'Umwami, uwo bakesha iyo nararibonye.

Ndibuka umuntu wigeze kunsobanurira umunsi umwe ko nyuma y'amasaha menshi y'imyitozo, mu gihe cy'umukino, wunguka kuba icyamamare mu rubuga rw'imikino, icyakora ntabwo ari umutoza, umubyeyi cyangwa se abakinnyi mukinana babinezererwa ahubwo ni Imana. " Ukoze neza, mwana wanjye! Naguhaye impano none dore uko uzikoreshejeje" Imana ni yo ifata iya mbere mu kunezerwa iyo dukinnye neza kandi mu kinyabupfura.

Nk'abakristo b'abakinnyi, turitanga uko dushoboye mu bihe byose: mu intsinzi, ugutsindwa cyangwa twanganyije. Ntabwo tujya twisezerera. Tuguma mu kibuga kugirango dukomeze kunguka ubushobozi. Ibyo nibyo bisobanura "kwita" ku isi y'imikino, icyo Imana idusaba muri iki gihe.

Igitekerezo

Umukristo agomba kuba umuntu witangira gukora cyane mu bijyanye n'imikino mu ikipe kandi agomba kuba uca bugufi muri bose.

Impaka

Niba ngomba kwitanga cyane, ngakora cyane mu ikipe, ni gute nahuza inshingano zanjye ku kazi, mu rugo, ku itorero na sporo mu gihe kibaze?

Umukoro

Ujya ugambirira guteza imbere uko ushoboye kose inararibonye ufite muri Siporo ?

5. Ikosa mu murimo

> Abwira umugome ati:"nzongera imibabaro yawe utwite, uzabyara uribwa n'ibise, uzahora wifuza umugabo wawe na we agutegeke' Hanyuma abwira umugabo ati:"wumviye inama mbi y'umugore wawe, urya ku mbuto z'igiti nakubujije. Kubera ibyo wakoze ubutaka buravumwe. Iminsi yose yo kubaho kwawe uzajya uhinga uruhe kugira ngo ubone ibigutunga. Ubutaka buzamera amahwa n'ibitovu, utungwe n'ibimera byo mu gasozi. Uzajya ubona ibyo kurya wiyushye akuya kugeza igihe uzapfira usubire mu gitaka, kuko ari cyo wavuyemo. Koko uri umukungugu kandi uzasubira mu mukungugu.
>
> Intangiriro 3.1-19

Umukino wa nyuma w'amarushanwa y'igikombe cya Heinken yo mu mwaka 2002 yageze ku intera idasanzwe. Leicester yagize amanota 15 ku 9 mu minota ishyushye ya nyuma mu gihe Munster yari nko mu metero 4 ngo itsinde. Igikorwa gito cyaje guhindura isura y'ibintu, maze Munster ibona amanota 7. Mu gihe Munster yari imaze yari imaze kubona icyakabiri cy'amanota, Peter Stringer yzbonye uburyo bwo gushyira igitego, nyamara, kubw'mahirwe macye! Umukinnyi wo muri Leicester Flanker Neil Back agonga mu buryo butemewe ……..; Umusifuzi ntiyagira icyo abona. Umupira urakomeza, Leicester itsindira igikombe cya Heinken. Nyuma y'umukino, Neil Back yareruye ati: " Nakoze ibyo nagombaga gukora."

Abahemu ba mbere

Mu gice cya gatatu cy'igitabo cy'Intangiriro, nibwo tubona icyaha bwa mbere. Icyaha cyinjiye ku mugaragaro ubwo Adamu na Eva bahitagamo kwigomeka ku buyobozi bw'Imana, ari byo bikunzwe kwitwa " kugwa". Bananiwe kunyurwa no kuba baremwe mu ishusho y'Imana, uwo muryango wifuzaga ibintu birenzeho. Bifuzaga kunganya ubutware n'Imana, bifuzaga kujya hejuru.

Ijambo ry'ikigereki risobanura icyaha ryerekanwa n'ikigereranyo gisekeje. Risobanura gutera cyangwa kurasa maze ugahushwa intego. Kuri twe, nk'abakinnyi, dusobanukirwa neza ubwo busobanuro bwo gutera, kandi nk'Abakristo twumva ubusobanuro bwo guhushwa ibyo Imana itwifuzaho.

Ingaruka zo kugwa ni urubanza. Mu Intangiriro 3 :14, Imana iravuga iti : "kubera ko wakoze ibyo…." Hanyuma ikomeza yereka inzoka, Adamu na Eva ingaruka z'ibikorwa byabo. Ingaruka ku mibanire yacu igaragara mu Intangiriro 3:16. " ……."Imibanire yacu yarangiritse kuberako imibanire yacu n'Imana nayo yangiritse bitewe n'ukwigomeka kwacu. Na none Intangiriro 3:17 turabwirwa:"……..."

Umurimo wacu, inararibonye yacu byose byarangiritse.

Bibliya ivuga ko icyaha cy'Adamu na Eva cyatugizeho ingauka twese. Twese twahindutse abanyabyaha kubwabo. Byongeye na none, bitewe no guhitamo kwa buri wese twkomeje gukwirakwiza icyaha maze duhinduka ba nyirubwite mu bikorwa byacu. Ibyaremwe byose byahaboneye akaga. Ibyo Imana yaremeye umuntu ngo bimuheshe umunezero mu murimo no mu mibanire ye na bagenzi be, ubu byangirijwe n'imyitwarire yacu yuzuye ibyaha n'ubwikunde.
Icyaha cyangije byose. Ibintu byose byose byarononekaye. Icyaha cyangiza uburyo dusenga. Cyangiza umwete tugira wo gusoma Bibliya. Cyangiza imibereho yacu mu bijyanye n'ibitsina, mu micungure y'amafranga ndetse no mu myitwarire yacu aho tuba.
Cyangiza uburyo dukora siporo. Niyo mpamvu tudatungurwa no kubona ibyaha byuzuye mu isi y'abakinnyi nk'uko nahandi hose biri.

Mu bijyanye na Siporo y'iki gihe, birashoboka ko Neil Back yakoze ibyo yagombaga gukora ndetse ibyo abandi bakinnyi benshi bashobora gukora nabo. Hashize iminsi ibiri, habaye impaka kuri BBC, Umwe mu bakinnyi bigeze gukomera mu Bwongereza, Brian Moore, yashyigikiye ibyo bikorwa avuga ko Zelande nshya, Austrariya na Afrika yepfo ariko bikina ko niba Ubwongereza

bushaka gukina mu marushanwa mpuzamahanga bugomba nabwo gukinira ku mategeko n'amabwiriza amwe.

Umukinnyi w'umukristo agomba kwanga mu kinyabupfura ubwo busobanuro. Ni iby'ingenzi gutsinda. Niyo ntego iba igamijwe. Nta gisebo kirimo kurushanwa. Icyakora abakinnyi b'abakristo kubera umuntu umwe utazwi waje kureba umukino, Imana, baba bitaye ku myitwarire y'abakinnyi muri rusange ndetse no ku mpamvu z'imyitwarire yabo kuruta ibyo bageraho, ntabwo bihagije gutsinda.

Ibimenyetso by'ukugoma kw'abantu biradukikije, mu isi y'abakinnyi, kuruta uko biboneka ahandi. Hari ibinyoma, "imyitwarire yo gushaka gutsinda byanze bikunze" ituma habaho gutanga ruswa mu bayobozi ndetse n'abakinnyi bigira nk'aho bavunitse kandi atari byo.

Isi y'abakinnyi ikeneye kugarurwa mu nzira y'Imana, no kureba uburyo twayigeza ku agakiza.

Igitekerezo

Siporo yahindanyijwe na kamere y'icyaha y'abantu nk'ibindi bikorwa byose by'abantu. Niyo mpamvu, igomba kugeza ku gakiza no guhindurwa nshya.

Impaka

Umukinnyi w'umukristo ashobora nawe gukora ikosa yabigambiriye.

Umukoro

Ba ijwi rya "Fair Play", ry'umunyakuri n'inyangamugayo mu ikipi yawe.

6. Gukora Siporo nk'uko Imana ibishaka

> *Bavandimwe, kubera ko Imana abahaye imbabazi ndabihanangiriza ngo mwitange, maze mube ibitambo bizima byeguriwe Imana biyishimisha. Uko ni ko kuikorera kubakwiriye. Ntimugakurikize imibereho y'ab'iki gihe, ahubwo mureke Imana ivugurure ibitekerezo byanyu mube muhindutse rwose. Ni bwo muzashobora kumenya neza ibyo Imana ishaka, kugira ngo muhitemo ibyiza biyishimishije kandi bitunganye rwose.*
>
> Abanyaroma 12.1-2

Nduka Odizor yakinnye muri kimwe cya kane cy'irushanwa ryabereye I Wimbledon ahagana mu myaka ya 80. Yifuzaga gukina umukino mu irushanwa ryo muri Hollande ku bwatsi ubwo yabonaga ko uwo bahanganye hari ahantu afite intege nke. "Namwumvise avuga ko atashoboye kubona inkwto zo gukinira mu bwatsi. Nafashe icyemezo cyo kumuha umwe mu miguru y'inkweto zanjye. Mu maso he hahise hagaragaza kugwa mu gatangaro. Birashoboka ko yibazaga " Ni gute umuntu yaba igicucu bigeze aha?" ibyo umuntu yabisomaga mu maso ye. "Dore ngizi imfunguzo z'icyumba ndaramo" Niko namubwiye. Nubishobora ujye kuzifata cyangwa ugire uwo utuma ajye kuzigushakira." Ubwo baduhamagaraga ngo dukine yari ahari, yambaye inkweto zanjye!"

Ubwo icyaha cyinjiraga mu isi ndetse na nyuma iyo tucyinjije mu buzima bwacu, gisenya byose, kitaretse na siporo ndetse n'uburyo dukina. Inkuru nziza ni uko kubera urupfu rwa Yesu Kristo, urupfu rwaratsinzwe. Imana yohereje umwana wayo mu isi. Ni we wenyine utarigeze agomera Imana. Ubwo yapfaga, yakiriye igihano cy'ibyaha byacu kugirango adukize icyo gihano twari kuzahabwa umunsi Imana izaciraho urubanza isi. Iyo twemeye umurimo wa Kristo, dushobora kwemera tudashidikanya ko tuzabana nawe ubuziraherezo mu ijuru, kandi igihe tugitegereje, mu mibereho yacu tuzabona Umwuka wera buri gihe, ari ko ntabwo tuzahindurwa byuzuye nk'uko Imana ibishaka.

Gufata ubuyobozi

Iyo twemereye Imana ngo ifate ubuyobozi bw'ubuzima bwacu, kugezano ku bintu bito harimo na siporo, icyo gihe nibwo dutangira kwikosora. Imana itangira itubwira kandi igakorana natwe. Itangira guhindura ibintu byinshi muri twe kandi Umwuka wera akatuvugisha akoresheje Bibliiya. Atwereka ibintu byinshi bitagenda neza mu buzima bwacu. Ibyo bigendanye n'ibintu byose duhura nabyo mu buzima bwacu harimo n'uburyo dukina.

Dusome Abanyaroma 12. Ibice cumi na kimwe bibanza by'Abanyaroma bidusobanurira ibyiza Imana yadukoreye muri Kristo Yesu.. Mu bice

12.1-2, Paulo aduhugurira muri urwo rwandiko rw'Abanyaroma kubaho mu mucyo w'imbabazi z'Imana. " Kubera ko Imana yabahaye imbabazi, ndabihanangiriza." Byerekana ko imyitwarire ya gikristo ari igikorwa cyo kumvira cy'umukristo akora abitewe n'ibyo Imana yamukoreye muri Kristo.

Paulo aravuga ko ibinyujije muri Kristo, Imana yaradukijije kandi iraduhindura; dufite ishusho yayo muri twe. Ubu dufite imbaraga z'Imana zitubashisha gutangira guhindura imikoreshereze y'inararibonye yacu mu mikino kubwo kuyinezeza yonyine, ndetse no kubw'imibanire yacu n'abandi bakinnyi.

Iyo mikorere twayigerenya ni iki? Paulo, umwanditsi w'urwandiko rw'abanyaroma agira ati:"Ndabihanangiriza ngo mwitange, maze mube ibitambo bizima byeguriwe Imana biyishimisha Uko ni ko kuikorera kubakwiriye. "

Igitambo kizima! Igihe Paulo yandikaga ibi ku igitambo kizima, yagenekerezaga kuri "oxymoron". Ibitambo ntabwo bijya biba bizima. Ubica imitwe, maze ukabishyira ku gicaniro. Paulo yakoresheje kubushake interuro ipfuye ari ifite icyo ishushanya.

Niba uri umukinnyi muri iki gihe, igitekerezo cyo gutanga umubiri wawe nk'igitambo kizima gifite ubusobanuro bwisumbuye. Ni ngombwa kugira

umubiri kugira ngo ujye gukina. Turasabwa gutanga iyo mibiri, nk'igitambo kizima, igitambo kiri ku gicaniro! Ibyo ntibivuga ko tutagomba gukina, ahubwo ko tugomba gukina nk'abantu bamaze guha imibiri yacu Yesu Kristo.

Ibyo bishobora vuba kutoroha. Ugomba kubirwanirira buri gihe. Icyaha ntabwo kizatwemerera gutuza. Hari ubwo twibwira ko twawubambye! Tukibwira " Mu by'ukuri, ntabwo twigeze twemera ko ibi byaha bidukurura hashize amezi n'amezi. Ni igitangaza!" Rugikubita, tukaba nabwo turagikoze.

Ibyo bituruka he ?

Iyo ukina rwose neza kandi uzi ko abantu bose bavuga ubuhangage bwawe, uzi uburyo bikomera kutagwa mu bwibone, maze mu minota itanu ya nyuma ukishyira hejuru nta muntu numwe ukureba? Imana ishaka ko uyiha igihe cyawe cyose, ndetse harimo n'iyo minota itanu yanyuma.

Iyo umuntu atangiye kukurakaza kandi akaguca intege arenga ku mategeko, akageza aho bitakwihanganirwa muri gahunda y'imikinire, ni gute witwara ? Ni gute uhivana? Ni gute uzitanga nk'igitambo? Ni gute uzabakunda? Ni gute uzabasengera ubikuye ku mutima, ugafata amarangamutima yawe kugirango ugaragaze

Kristo kandi ugaragare nk'uwubaha abandi kabone ni yo bo batakubaha?

Ni muri ubwo buryo aba ari igitambo kizima. Buri muntu ufite igihe kimworohera gushyira imibereho ye mu by'umwuka mu mibereho ya Siporo asanga atari ikintu gitangaje gukora ikosa. Niba utari ku rugamba rw'ubuzim bwa gikristo, ni uko hari ikitagenda neza. Ibyo bishobora ndetse kwerekana ko utari umunyamwete ku bya Yesu Kristo.

Igitekerezo

Iyo nkora siporo imbere y'umwe utazwi, ni igitambo cy'ishimwe.

Impaka

Ni ibihe bihe mu buzima bwawe bwa siporo ujya ugira ingorane zo kugendera ku mabwiriza y'iyi si ?

Umukoro

Emera ko uri ku rugamba rw'umwuka maze ushake abantu bashobora kugusengera igihe nawe urimo wisengera.

7. Ku murongo w'Itabaro

Bavandimwe, kubera ko Imana abahaye imbabazi ndabihanangiriza ngo mwitange, maze mube ibitambo bizima byeguriwe Imana biyishimisha. Uko ni ko kuikorera kubakwiriye. Ntimugakurikize imibereho y'ab'iki gihe, ahubwo mureke Imana ivugurure ibitekerezo byanyu mube muhindutse rwose. Ni bwo muzashobora kumenya neza ibyo Imana ishaka, kugira ngo muhitemo ibyiza biyishimishije kandi bitunganye rwose.

Abanyaroma 12.1-2

Iyo umaze kurenga umurongo ujya ku rugamba kubwa Kristo, hari urugamba ruhita ruvuka. Ibyo ni byo intumwa Paulo ivuga. Niba ushaka kuba uwa Yesu, niba wahinduwe, komeza ube intwari, tanga umubiri wawe nk'igitambo kizima, cyera kandi kinezeza Imana.

Paulo yita ibyo umurimo ukwiye. Duhanagure noneho muri twe imitekerereze yacu y'uko umurimo w'Imana ari ukuririmba indirimbo cyangwa ko gukorera Imana ari ukumara isaha usenga ku cyumweru. Twasomye muri iki gitabo ko tugomba guha Imana imibiri yacu kugira ngo tuyinezeze, nk'igitambo cy'ishimwe amasaha 24 kuri 24 mu cyumweru, nk'umurimo w'ubuzima bwose!

Gutanga umubiri wawe nk'igitambo kizima, cyera kandi kinezeza Imana bisobanura ko ibyo ari umurimo wo guhimbaza. Uhimbaza Imana, iyo uyiha utuntu twose twerekeranye n'imitekerereze yawe, umubiri wawe, igihe cyawe cyangwa n'ikindi cyose. Ibyo ni byo guhimbaza. Paulo yongeyeho "mube muhindutse rwose". Uku guhinduka ntabwo ari igikorwa cy'umukristo nyirizina, ahubwo ni umurimo w'Umwuka Wera. Icyakora, dufite inshingano yo kwemera guhindurwa, kwemera kuoiborwa n'Umwuka w'Imana. Tugomba kwemera guhindurwa n'Imana twirinda kwisanisha ni isi.

Ibyo bishatse kuvuga ko ubu duhagarariye Kristo. Ukina mu bushake bw'Imana aho gukurikiza imikorere yabo mubana. Ntabwo ugomba gukurura umwenda w'umukinnyi w'ikipe muhanganye ngo kuko wabanye abandi bakinnyi babikora. Imyitwarire nk'iyo ni ugukurikiza imibereho y'abi iki gihe aho guhindurwa n'Imana.

Ni ukuri ko ari umurimo w'ubuzima bwose, ariko "ntimugakurikize": ubutumwa imitima yacu ishaka kumva no kongera kumva. Bugomba kuba igice kinini cy'incamake y'impuguro y'umukristo. Nk'abakristo, twatura ibyaha byacu buri gihe kuko twemera igihe kinini y'ubuzima bwacu tububamo nk'ab'isi y'iki gihe. Bishatse kuvuga ko tugomba kujya ku ruhande mu makipe

yacu ku bwa Kristo, kuberako tubaho mu bushake bw'Imana, ntidushaka kongera kugenda nk'ab'isi.

Paul Cox yakiniraga ikipe ya West Side Church muri Kingston mu marushanwa y'akarere.

Ikipe ye yakinnye umukino ukomeye n'ikipe iruhije cyane ndetse yashyiraga n'igitsure ku musifuzi. West Side yabone "corner". Cox yari yiteguye kuba yatabara. Umupira waterewe muri "Corner", ubonezwa n'umukinnyi watumye Paul ashoberwa maze abona umupira uca hagati n'inkingi y'izamu.

Umupira wageze mu inshundura maze urakomeza, usohokera mu ntoboro zari mu rushundura zitazwi. Umusifuzi avuza ifirimbi, umupira usubizwa mu kibuga. Paul ni we wenyine wari uzi ukuri kw'ibyari bimaze kuba. Amaze kubitekerezaho neza, yafashe icyemezo cyo kureba umusifuzi kugira ngo amubwire ko ari igitego gitsinzwe ikipe ye. Ikipe bakinaga nayo yarishimye cyane. Paul adutekerereza uko byagenze: "Nyuma y'igihe gito, umusifuzi yagarutse ku cyemezo cye maze aha igitego ikipe twari duhanganye. Iyo kipe yose yaje aho ndi kunshimira. Ubwo nasubiraga mu mwanya wanjye hagati mu kibuga, umukinnyi nari nafashe kuva umupira watangira yarashimiye maze ansba imbabazi kubw'ibibi byose yari yankoreye muri uwo mukino. Ibibazo byose

byibazwaga ku byemezo byafashwe birangiriraho. Nyuma y'umukino abakinnyi bagarutse kunshimira. Mu rwambariro naho hari abaje kunshimira" tube abahinduwe aho kuba abakurikira abandi.

Byanze bikunze, abakinnyi bo mu ikipe ya Paul bashobora kuba batarishimiye ibyo yakoze, ariko yahisemo gukina imbere y'umwe waje kureba umukino: Imana. Paul yakoze ibyo yabonaga ko byari byiza gukora.

Noneho ubu umaze guhinduka, genda ukunde abandi, ndetse n'abanzi bawe, cyangwa abagukiniye nabi. Niba twarabonye impano yo gukina, ni ubuhe buryo bwiza buri imbere yacu? Niba twuzuye Umwuka Wera tuzakurira muri ibyo bihe.

Ntabwo byoroshye. Uzahura n'ibigeragezo ku mubiri, mu bittekerezo, mu mbamutima ndetse no mu mwuka mu gihe uzaba uri muri siporo. Ese ugiye gutakaza ukwihangana kwawe? Ugiye guhiga kwihorera kuri kanaka?

Uko witwara ku kibuga bifit ingaruka, kuko abandi bakinnyi bitegereza abakristo. Bakavuga bati: " yatsindanwe ishema. Yakoze ibyo ashoboye byose. Niyo twatsinzwe, nubwo nawe aba yahungabanye, aba azi neza icyo agomba gukora." Iyo utsinzwe urugamba, ushobora

kwanga kubyemera, cyangwa bagenzi bawe bakabibona.

Birashoboka ko iyo umukino ugeze mu kiruhuko abantu bavuga: “ nta nubwo atwitayeho. Yari kumwe n’abo bahanganye ubwo umukino wahagarikwaga.” Nyamara nyuma y’umwaka umwe cyangwa ibiri abantu barabisobanukirwa. Bakamenya ko ushaka gutsinda. Ko ushaka gukoresha mu buryo bwuzuye inararibonye yawe. Ushaka kuba mwiza mu buryo bushoboka bwose Ariko niba byose bitagenze neza uwo munsi, utakaza ugushikama kwawe burundu.

Ni gute umukristo w’umukinnyi yamera iyo ari umuntu ukomeye ushobora kwihangana no kugumana imbaraga ze, kabone ibyo umuntu ashobora kumukorera byose ? Iyo wibeshye, uravuga: “Narakoze ikosa, ariko ngiye kwikomeza”. Iyo umuntu agusunitse uravuga: “ Oya, ntabwo ngiye kwemera gucika intege. Ntabwo nzata umutwe. Ntabwo nzabeshya. Nzabigeraho nkorana ubutwari cyane haba ku mubiri, mu mitekerereze ndetse no mu by’umwuka, bityo ntage ibyo mfite.”

Imyitwarire yacu isa ni ivuga iti: “ Ntabwo bishoboka.” Hari utuntu tumwe tugendanye n’umwihariko wa buri mukino. Ugomba kureka utwo muri Siporo yawe.

Umukinnyi w'Umukristo asa ate? Atanga imbaraga ze zose uko abishoboye, kandi akubaha uwo bahanganye. Atsindwana ishema kandi agatsindana guca bugufi.

Igitekerezo

Gutsindana guca bugufi no gutsindwana ishema.

Impaka

Ese ubaye umwe mu bagize ikipe ya Paul Cox, wakwishimira ibyo yakoze byatumye ikipe ye itsindwa igitego?

Umukoro

Tekereza ku buryo ushobora kwerekana impinduka ku kibuga. Ngaho gira icyo ukora!

8. Ikipe

Nuko Uhoraho Imana aravuga ati:"Si byiza ko umuntu aba wenyine, reka muremere umufasha bakwiranye."

Intangiriro 2.18

Mu mukino urangiza amarushanwa y'isiganwa hagati y'abagabo babiri mu gihe cy'imikino ya Olimpiki yo mu bihe by'imbeho mu mwaka 1964. Urugamba hagati y'umutaliyani Eugenio Monte, icyamamare mu rwego rw'isi, n'ikipe y'abongereza ya Robin Dixon na Tony Nash. Nyuma, dore ingorane! Abagabo babiri b'abongereza basanze ko akuma gafunga ibyuma by'inyuma by'igare ryabo kasaga nk'akacitse. Ntabwo bari bagifite umwanya wo gushaka akandi kuma ko kugasimbura. Ku ruhande rw'ikipe y'abongereza, amahirwe yo gutsinda yari atangiye kubaca mu myanya y'intoki.

Mu gihe Monte yumvaga akamo k'Abongereza, yahise afata akuma ko kw'igare rye nawe akavanaho kugirango agendere ku ntera imwe n'Abongereza.

Abongereza batsindiye umudari wa Zahabu. Hashize igihe, Monte yaje kugira icyo atangaza ku byabaye : « Igikorwa cyanjye cyari igikorwa gisanzwe ku umukinnyi. Ugomba kugerageza

gufasha abandi kugirango babe mu rugero rumwe nawe. »

Mu bihe bikomeye kandi byo kurushanwa mu isi y'abakinnyi, ni gute dukunda bagenzi bacu ? Ese birashoboka ?

Kunezeza Imana

Kunezeza Imana, bishatse kuvuga iki iyo umuntu ari mu kibuga ? Intangiriro mu gice cya kabiri ryerekana amahame abiri y'ingenzi, tugomba gushyira mu bikorwa. Twabonye ubwa mbere uburyo dushobora gukoresha inararibonye yacu muri siporo, nyuma tubona ihame ry'inyunganizi k'uburyo dushobora guteza imbere imibanire yacu, mu bice bine bikurikira.

Intangiriro 1.26 harabigaragaza havuga ko twaremwe n'Imana, Imana isabana : Tureme umuntu mu ishhusho yacu, ase natwe.

Twigishwa na Bibliya ko Imana ari imwe mu butatu : Imana Data, Umwana n'Umwuka Wera. Ese waba warigeze kubona ko Imana itigeze iba yonyine ? Ni Imana isabana yuzuye urukundo. Buri kiremwa muntu cyose cyaremwe mu ishusho yayo kandi kubw'icyo kigomba kubana neza n'Imana.

Niyo mpamvu atari « byiza » ko umuntu abaho « wenyine ». Dukenye gukunda no gukundwa.

Nuko Uhoraho Imana aravuga ati:”Si byiza ko umuntu aba wenyine, reka muremere umufasha bakwiranye.”

Intangiriro 2.18

Intangiriro 2 ivuga ibyerekeye umubano hagati y’umugabo n’umugore. Uko ni ko gusabana mu rukundo kw’ibanze. Nyamara ihame ry’ubusabane mu gufashanya, mu buzima rirarenga rikagera mu byiciro byose by’imibereho y’ubuzima, uhereye mu muryango no mu inshuti, kugeza kubo mu kibuga cya siporo.

Tugomba kwerekana ishusho y’Imana n’ukubaho kwayo mu byo dukora byose. Kuri twe nk’abakinnyi, ibyo bigomba kuba bimwe mu bigize siporo yacu.

Gukunda mugenzi wawe nk’uko wikunda wowe ubwawe no gufata abandi nk’uko nawe wanezezwa n’uko bagufata mu bijyanye na siporo mu by’ukuri ni ihame rikomeye, nk’uko turi bubisome mu bice bine bikurikira.

Tugiye kubina uko twashyira mu bikorwa imyitwarire y’urukundo muri bagenzi bacu, mu bo dukinana, mu bo duhanganye ndetse no mu bayobozi.

Igitekerezo

Ubwo Yesu yabwiraga abigishwa ngo bakunde abanzi babo, ni ihame rikomeye. Gushyira mu bikorwa itegeko rya Yesu ryo gukunda bagenzi bacu ntabwo ryoroshye mu isi y'abakinnyi.

Impaka

Iyo Eugene Monte ataza gutanga igikoresho cye, ni nde wari kubimugayira ? ni iki wari gukora mu mwanya we ?

Umukoro

Ese ujya ukunda kwibaza iyo uri mu marushanwa : *« ndimo ndubaka imibanire myiza muri ubu buryo ndimo nkinamo ? »*

9. Byose kubera we !

"Mujye mukundana mutaryarya"
Abanyaroma 12. 9a-13

Umunyeshuri mu ishuri kaminuza rya Edinburgh wahoraga mu ikipe ya Rugubi umunsi umwe ntabwo bamushyize ku rutonde rw'abakinnyi. Mu mukino ukurikiyeho, umusifuzi yavuzeko umukinnyi wari umaze guhabwa umwanya we yambaye inkweto zifite amano atajyanye n'amategeko. Ubwo bavugaga ibyo, wa munyeshuri utari ku rutonde rw'abakinnyi yari afite inkweto zifite amano yemewe mu gikapu cye. Yamaze umwanya yabuze icyo yakora kuko nta muntu numwe wari uzi ko yazanye inkweto nziza ku kibuga, yibwira ko bashobora kumuhamagara agasubira gukina ku mwanya we. Nyuma aza kwibwira ati:" Mfite inkweto zifite amano yemewe" maze arazifata aziha wa mukinnyi wamusimbuye. Urukundo rutarimo uburyarya!

Baza umukinnyi w'icyamamare uri mu kiruhuko ikintu atashoboye gukora mu minsi yari ashishikariye siporo, igisubizo kizaba nko gutera urwenya: ubusabane. Kuba umwe mu bagize ikipe imyaka n'imyaka, musangira intsinzi no gutsindwa birema ikintu kibahuza kitari gito. Muba mukoze umurunga hagati yanyu kubwo

kubona intsinzi cyangwa ugutsindwa by'ako kanya. Mwitoza vuba na bwangu uko abantu bunga ubumwe hamwe n'abandi kubera ko irushanwa ribisaba. Mwitoza kugayana no gushimana hagati yanyu kuruta uko mu bigenza mu buzima busanzwe.

Umwuka w'ubufatanye

Kugira umwuka w'ubufatanye ni inararibonye idasanzwe. Kubw'abantu benshi, ubucuti nyabucuti, burama kandi bukomye buhera ku kibuga cy'imikino.

Ku rundi ruhande, ibyo ntibivanaho gushaka kurushanwa hagati mu ikipe. Hari igihe wowe n'inshuti yawe y'amagara mushobora guhangana murwanira umwanya w'umuzamu mwiza. Buri cyumweru, umwe muri mwe agahora buri gihe yacitse intege.

Umunsi umwe ku ntebe y'abasimbura, kimwe cya kabiri cy'amarangamutima yawe ni uko ikipe yawe yinjiza ibitego igatsinda. Ikindi gice ni uko nabwo ikipe muhanganye yarusha ikipe yawe kugira baguhamagare ugire uwo usimbura. Ushobora kuvugana umunezero uti:"Ukine neza, nshuti!" ubwira umukinnyi watorewe gukina mu mwanya wawe, mbere y'uko ajya gutangira umukino? Iyo avunitse, ese aho umugirira impuhwe, cyangwa wishimira ingorane ze kuko ugiye kumusimbura ?

Yesu ati:" Ujye ukunda mugenzi wawe nk'uko wikunda."
Matayo 22.39
Ni gute uzakunda mugenzi wawe muhuriye mu ikipe nkawe ubwawe, niba yafashe umwanya wawe wari usanganwe mu ikipe mu mukino wa nyuma w'igikombe? Urukundo umugirira rushobora kutakorohera. Nk'umukinnyi, ikipe yacu ni ahantu heza aho tugomba kuba ikitegererezo duhereye ku byo twigira aho tuba. Umurimo wacu ugomba kuuba uwo kuzana ibyiza bya Kristo mu ikipe yacu.

Ubwo yaduhamagariraga " gukunda bagenzi bacu dukinana nkatwe uubwacu", ibyo bishaka kuvuga kubakorera.
Tugomba rere gukoresha inararibonye yacu yose, nk'igikorwa cyo gutambire ishimwe Imana yayiduhaye ikanayishyira mu kibuga ngo ifashe n'"abandi."
Ntabwo nkwiye kureba ibyo nkeneye ku giti cyanjye nk'igisubizo cy'ubushobozi bwanjye mu gihe cy'umukino.

Gukora uko nshoboye ku kibuga kubw'icyubahiro cy'Imana bituma ukunda abo musangiye ikipe nk'uko wikunda. Ndanezerwa iyo ikipe yanjye yishimye kandi ndarira iyo nayo iri mu kurira. Ibyo aho kugirango ndebe inyungu zanjye ku giti cyanjye kubera ubushobozi mfite cyngwa kutita ku ntege nke z'abandi, mba

nitesheje icyubahiro. Ibyo ndetse biha urwaho abo duhanganye!

Iyo ikipe yawe itsinzwe umukino, ufite uburyo bwinshi bwo kwikomeza. Igihe uri mu rwambariro, wumva ufite ipfunwe nk'uko ku ikipe yawe. Ibyo ni ibisanzwe ko wicara wenyine mu imfuruka y'urwambariro.

Iyo ugerageje kwiyibutsa ibyabaye muri ubu buryo : " Iyo Mariya ataza guhushwa, ntabwo mba ndi muri ibi bihe bigoye rugikubita. Iyo Sandra aba yafashe wamupira ku munota wa nyuma…" Urageregeza gushyira amakosa ku wundi muntu. Oya! Ahubwo aho ugeze, ibaze ibibazo bibiri: Ese nahaye Imana umusaruro ufatika kabone amanota twaba twagize yose, Ese kugeza ubu nshobora kwihanganira bagenzi banjye? Ibagirwa ibyo bagutekerezaho ahubwo urebe uburyo ushobora kubafasha.

Ibyo nibyo bisobanura gukunda mugenzi wawe nk'uko wikunda. Bishobora kugutera ipfunwe guhora ubaza ku kibuga :" Ese nshishikajwe imibereho myiza yanjye kuruta bagenzi banjye dusangiye ikipe?" Iyo gushaka inyungu z'abandi mu ikipe biri ku mwanya wa mbere, ni ikimenyetso cyo gukora mu bushake bw'Imana mu bijyanye na Siporo.

Igitekerezo

Bamwe muri bagenzi bawe musangiye ikipe bashobora kukubera inshuti z'ubuzima bwose. Ugomba rero kubishyiramo imbaraga cyane.

Impaka

Ni ryari bikugora gukund uwo musangiye ikipe?

Umukoro

Ba intwari itigaragaza mu ikipe yawe, umuntu utari ikimenywabose ariko ukora ibikorwa by'ingirakamaro kandi bikomeye.

10. Umwe kuri bose

Mujye mukundana mutaryarya. Mwange ikibi cyose mwibande ku byiza. Mukundane urukundo rwa kivandimwe. Mwubahane buri muntu ashyire mugenzi we imbere. Mugire umwete mwe kuba abanyabute. Mukorere Nyagasani mufite ishyaka ryinshi. Mwishimire ibyo mwiringiye, mwihangane mu makuba, ntimugacogore mu gusenga. Intore z'Imana zikennye muzifashishe ku byo mufite, n'izibasanga muzicumbikire

Abanyaroma 12.9-13

Gukunda abo tubana mu ikipe bidusaba kwitoza kuba abantu bubahiriza inshingano zacu kuri bo. Brian Irvine yifuzaga kurangiza umunsi umwe ubuzima bwe bwo gukina nk'umukinnyi w'umunyamwuga mu mupira w'amaguru atigeze na rimwe ahabwa ikarita itukura. Ibyabaye mu mukino w'i Ross Country byamushyize mu bihe bikomeye kuburyo yafashe umugambi wo kwitangira ikipe ye.

"Nahagaritse umukinnyi mu buryo muri iyi minsi babona nko guhagarika nabi umuntu mu gihe iyo muhagarika neza nashoboraga kubuza igitego kugirango ikipe igume nk'uko yatangiye.

Muri icyo gikorwa, nabuze umupira mpitamo gufata umuntu. Ntabwo gusa byatumye batanga Penariti yatumye iyo kipe itsinda igitego no gutsinda umukino kuri 1-0, ahubwo nijye wari

nyirabayana w'igikorwa. Uwo mwanya nahawe ikarto y'umutuku!

Ndabizi neza ko uburyo nahagaritse uwo mukinnyi nabikoze mfite intego nziza. Ikindi na none, ntaburyo ntari gukora gutyo kugirango ikipe yacu idacika intege cyane cyane mbikora ubushishozi ngashobora gufata umupira."

Nibyo, gukunda ikipe yawe bigira ingaruka nini ku biba mu gihe cy'uumukino.

Abanyaroma 12.10-13 hasobanura uburyo kuba umukristo bizana impinduka mu rukundo dukunda bagenzi bacu bakiriye Kristo.

Mujye mukundana mutaryarya. Mwange ikibi cyose mwibande ku byiza. Mukundane urukundo rwa kivandimwe. Mwubahane buri muntu ashyire mugenzi we imbere. Mugire umwete mwe kuba abanyabute. Mukorere Nyagasani mufite ishyaka ryinshi. Mwishimire ibyo mwiringiye, mwihangane mu makuba, ntimugacogore mu gusenga. Intore z'Imana zikennye muzifashishe ku byo mufite, n'izibasanga muzicumbikire
Abanyaroma 12.9-13

Dusobanukiwe ibi mu muryango wa gikristo muri iki gihe, intambwe ikurikiraho ni ugufata neza isi y'abakinnyi dukwirakwiza iri hame ry'urukundo mu muryango w'Abakinnyi.

Ahantu haboneye ukoresha cyane igihe cyawe ni mu ishyirahamwe ukinamo. Aho, imibanire ishobora byoroheje guhindura kamere n'ukwizera kw'abakinnyi. Umukristo ashobora kwigaragaza mu buzima bwa buri muunsi kuko abigeraho igihe cyose yitwara neza mu mukino. Ariko hari ikiguzi agomba kugambirira gutanga. Ugomba guhindura ubuzima bwawe kugirango bugaragaze Kristo mu nzira zose.

Ni ukuvuga guha siporo umwanya ukomeye mu buzima mu buryo buzana impinduka mu bijyanye n'igihe, imbaraga n'amafranga. Ntabwo gusa bigira impinduka mu mikino, ahubwo bituma twubaka imibanire, guhamagarana kuri Telefone, gufatanya ibikorwa byo kwiteza imbere, gukora neza ibintu byose byitabwaho.
Ibyo bishobora gusobanura na none kuba uwa nyuma mu kuva ku kibuga nyuma y'umukino. Twabigereranya nko kujya mu kabari ahantu hari inzoga, imitobe cyngwa ikawa, ariko ujyanywe no kuganira, no kumenyana n'abantu. Kuba aho urinze abantu, witeguye hagira ukubaza ibiriho kuba cyangwa se akagaragaza ko abishishikariye.

Ntukicire urubanza kubera igihe umara ukora siporo. Wibwira ko ari siporo ariko ako ni agace gato. Ibyo bivuga ko ushobora gukina umwanya wose ushaka ukarangiza igihe ushakiye ugiye m'uwundi mubonano. Ntugakore uko! Hindura siporo ubutumwa bwawe! Ba intumwa y'Imana wubaka imibanire myiza n'abo uhasanga.

Tanga ubuzima bwawe cyane. Abantu benshi ntibazi icyo Imana yadukoreye muri Yesu Kristo. Uziko ushobora kubafasha bakabisobanukirwa!

Igitekerezo

Mbega uburyo ari byiza kugira umwe mu bakinnyi b'ikipe witanga wese kubwa bagenzi be basangiye ikipe!

Impaka

Umukristo ashobora gukora ikosa yabigambiriye?

Umukoro

Koresha umwanya munini w'igihe cyawe mu kuba hamwe n'abo musangiye ikipe.

11. Murimbure!

> *Musabire umugisha ababatoteza – koko mubasabire umugisha atari umuvumo. Mwishimane n'abishimye, murirane n'abarira. Mubane muhuje. Mwe kwishyira hejuru, ahubwo mwemere gukora imirimo yoroheje. Ntimukigire abanyabwenge. Ntimwiture umuntu inabi yabagiriye. Muharanire gukora ibigaragarira abantu bose ko ari byiza. Uko bizashoboka kose, mu rwanyu ruhande mubane amahoro n'abantu bose*
>
> *Abanyaroma 12:14-18*

Ndibuka umunsi wa mbere ubwo nazaga mu Bwongereza kugirango nkine muri Wigan, nari menyereye gutsindwa. Umugore wanjye uyu munsi ashobora kubihamya ko buri gihe nazaga mu rugo amaso yatukuye, mu maso nijimye, nasheshe urumeza ku mubiri, ibyo byose byabaga mbizi.

"Naririraga Imana, ' Ni iki nakora, ni iki nasubiza?' Ariko irambwira iti : « Oya, Oya, Oya, tuza gusa maze witegereze nanjye ngiye kwita ku kibazo cyawe. Maze abasore bamereraga nabi buri gihe iyo nabaga ntashye, nibo babaye abambere kunsanganira bankora mu ntoke. Barashimagizaga kubera umukino bavuga bati : « Wakinnye neza ! »

Hari ibintu bibiri bidasanzwe tubona mu incamake Yesu yatweretse ku myitwarire y'Imana ku kibuga cy'imikino ku bijyanye no

gukundana n'abo duhanganye. Ubusobanuro bwacu k'« urukundo » n'ishusho dufite mu mitwe yacu k'« uwo duhanganye »

Ahantu henshi habera imikino, abakinnyi batozwa berekwa ko uwo bahanganye ari umwanzi. Ntabwo ari ngombwa ko ujya mu marushanwa, keretse iyo uhuye burigihe n'ukubangamira.

Ariko, tega amatwi ! buri gihe tuba dukeneye guhura n'ibiturwanya. Niba utera intamwe « ukura » mu mikino, kubera guhangana gusa aho gushaka ubushobozi bwo kuzamura urwego rw'imikinire y'ikipe cyangwa ubitewe n'ikindi kibazo kiriho, ibyo ni ibintu bigayitse. Muri make : Nta muntu muhanganye, nta mukino ! Ku mugira ari ku rwego rwo hejuru, duhora dukeneye guhangana ni uwo turi ku rwego rumwe, kugirango dupime ubushobozi bwacu. Gutsinda mu mupira w'amaguru ibitego 10-0, ni ibyiza iyo ari ubwa mbere, ariko gutsinda 10-0 buri cyumweru bica intege. Dukeneye guhangana n'abo turi kuri rwego rujya kungana.

Abantu bibwira ko bikomeye guhuza gukunda no kurushanwa. Niba nkunda uwo duhanganye uri ku mwanya ndiho, bivuga ko nkwiye kumureka akajya gutsinda ?

Twitegerezo ikigereranyo. Dusobanura intambwe tumaze kugeraho tuyipimisha igihe cyangwa

guhura uwo duhangana. Dukeneye ayo marushanwa kugirango duteze imbere inararibonye yacu.

Iyo uba waratakaye, uri wenyine ku kirwa kitabaho abantu, ikirwa gifite ibyangombwa byose byo gukina, byagutera ipfunwe. Byaba bimaze iki kubona ikibuga cya tenisi hamwe n'imipira ndetse n'ibyangombwa byo gukinisha ariko nta mukinnyi uhari muza gukina ? Dukeneye uwo duhangana nawe muri siporo.

Uwo duhanganye cyangwa umwanzi ?

Iyo witegereje uwo muhanganye, utamufata nk'umwanzi ahubwo nka mugenzi wawe, cyane cyane nka mugenzi wawe Yesu agusaba ko umukunda nk'uko wikunda. Ibyo bizana impinduka byanze bikunze ku myitwarire yacu imbere y'uwo duhanganye. Dufata uwo duhanye nk'ukko natwe twifuza ko badufata : kubahwa. Twifuza umukino utarangwa no kugongana. Twifuza gukina mu buryo bwiza. Twifuza guhangana abatuma turushaho gukora neza. Ku bantu bamwe gukunda no kujya mu marushanwa ni « ubanza….. ubanza…. . » Ariko muri iyi myumvire, gukunda ni ukwemera kuba mu marushanwa.

Hamwe ni ubwo busobanuro, uburyo nkunda mugenzi wanjye ni ukumuhagarika n'imbaraga zose ariko nitonze kandi nkurikiza amategeko.

Iyo nkoze gutyo, mba mufasha nawe kuba umukinnyi ukwiye.

Muri ubwo buryo, nkeneye uwo duhiganwa unyirukaho igihe mfashe umupira kandi ufite ubuhanga bwinshi ndetse uzi n'amacenga menshi, kugirango atume nanjye ngerageza kwiyambaza inararibonye yanjye yose uko byagenda kose. Uko ni ko gukunda uwo duhiganwa turi mu marushanwa. Igihe ushakira ibyiza uwo muhigana nibwo ushobora kumukorera ibyiza.

Niyo mpamvu nshobora gukunda mugenzi wanjye nkuko nikunda mu bijyanye na siporo, kuko nzi icyo Imana ishaka, insaba ko nyihimbarisha inararibonye yanjye kandi tugashishikazanya kugenda gutyo.

Birumvikana, biragoye kuzana izo mpinduka mu mukino. Ariko iyo ukinnye igihe kinini mu irushanwa ugeraho ukamenya abo muhigana. Bakakubaha nk'umuntu ukomeye ariko nk'umukinnyi ucisha bugufi, akirinda kungukira mu makosa akorwa umusifuzi iyo arangaye. Mu gihe cy'amarushanwa, byagutwaye umwanya gusabanan'abandi buri gihe iyo umukino wabaga urangiye. Bagezeho bamenya ko ari ukwizera Kristo kugutera kuba umukinnyi mwiza nk'uko uri, mu buryo ukoresha inararibonye yawe ndetse n'uburyo witwara mu mikino yawe.

Tuzi twese ko nk'abantu b'abanyantege nke, buri gihe twitwara nabi, tukabeshya ariko hamwe n'Imana, buri gihe tubona uburyo bwo gusubizwamo imbaraga nk'izo mu itangira.

Igitekerezo

Niba ntashobora gukunda mugenzi wanjye nk'uko nikunda, ntabwo rero nshobora gukora siporo mu buryo bunezeza Imana.

Impaka

Wifuza ko uwo muhanganye mu ruhande rwawe agukinira neza cyangwa nabi ?

Umukoro

Girana ibiganiro n'abandi kandi ugere aho umenya uwo muhanganye ku mwanya ukinaho nyuma y'umukino.

12. Gukunda abayobozi: Ugomba kuba utari muzima !

Buri muntu niiyemere kugengwa n'abategetsi kuko nta butegetsi buriho butaturutse ku Mana, n'abategetsi bariho niyo yabubahaye

Abanyaroma 13.1

Abakristo bitwara bate imbere y'abategetsi ? Hari abavuga ko ahantu honyine Bibliya ivuga ku bijyanye n'umusifuzi cyangwa umutegetsi ni " uwavutse ari impumyi"!
Kubera ko Bibliya itagira icyo ivuga mu buryo buziguye ku bijyanye n'abasifuzi, tugomba gushakashaka amahame mva bibliya abigaragaza.

Buri muntu niiyemere kugengwa n'abategetsi kuko nta butegetsi buriho butaturutse ku Mana, n'abategetsi bariho niyo yabubahaye

Abanyaroma 13.1

Ibibi byerekeranye ubwa mbere n'abayobozi mu bya politike ariko na none byerekeranye n'abayobozi b'imikino kuberako bashyirwaho kugirango bagire ubutware kuri twe mu gihe cy'imikino. Byongeye, niba tugomba gukunda mugenzi wacu nkatwe ubwacu, ntabwo tubona uburyo abayobozi b'imikino bashobora kwimwa urwo rukundo. Mbese ibyo bishatse kuvuga ko abakristo b'abakinnyi batita ku basifuzi?

Nk'uko tuzakubibona, ni ngombwa gusobanukirwa icyo ari cyo gukunda mugenzi wawe. Gukunda umuyobozi ntabwo bisobanura " umukino uyobowe neza" mu gihe umukino utagenze neza. Intego yacu ni ukubafasha kumva baguwe neza mu murimo wabo. Birashoboka ahubwo ko twavuga:" Urakoze Musifuzi, nziko wayoboye neza umukino, ariko watubwira impamvu wemereye penaliti iyi kipe twari duhanganye?

"Nk'Umusifuzi w'imikino y'umupira w'amaguru mu rwego rwa mbere mu Bwongereza mu gihe cy'imyaka myinshi, nayoboye imikino myinshi ikomeye kandi nagiye mfata ibyemezo abantu batemeranyagaho nanjye. Nakunze kwishimira uburyo abatoza bamwe basobanukirwaga uko kudahuza. Nk'urugero, atitaye ku byabaye, Brian Cloough na Bobby Robson bazaga buri gihe mu cyumba ndaramo nyuma y'umukino baje kunshimira." Bob Hamer, Umusifuzi w'umupira w'amaguru.

Gavin Peacock yakiniye ikipe ya Newcastle United nyuma Chelsea, nk'umukristo w'umukinnyi wabigize umwuga mu mupira w'amaguru mu gihe cy'imyaka isaga cumi n'itanu. Yahuye n'abasifuzi benshi mu gihe cy'umwuga we w'ubukinnyi. Avuga neza uko bigenda iyo habaye kurenga umurongo : "Ni byiza kugaragariza umusifuzi ko mudahamanya

ariko ntugeze ku rugero rwo kumutesha icyubahiro.”

Umupira w’amaguru uri mu marushanwa asaba ubwenge kandi kugerageza kugenzura ko umusifuzi aba azi byose ikipe ihiga n’indi iba yiteguye gukora kugira ngo imukoreshe amakosa nabyo bijya mu bintu bimusaba kugaragaza ubwenge.

Niba utekereza ko abayobozi baba bashaka kuzana itera bwoba (no kwemeza abantu ibitekerezo byabo), kubw’abakinnyi b’ikipe ikina cyangwa umutoza, birumvikana ko kwerekana imikorere mibi yabo byemewe. Ariko, gerageza gucisha make, iterabwoba ntabwo ryemewe.

Nka Kapitene w’ikipe, imbere y’umukino ubona ufite ubwoba bw’uko ushobora kuvamo amakimbirane yatuma haza imirwano, ni byiza kwegera umutoza ukamushishikariza kutagira ubwoba bwo gufata ibyemezo bikomeye igihe bibaye ngombwa.

Nibyo cyangwa Sibyo ?

Iyo icyemezo cyitagushimishije kandi ukumva nta kintu gikomeye wakoze, ni gute witwara? Birumvika ko uburyo ubona ibintu atari byo neza kandi ni byiza kubibona vuba cyangwa hashize akanya nyuma yo kubitekerezaho. Iyo utagize icyo ukora, ibyo byereka umusifuzi ko wemeye

ko wakoze amakosa ashobora guhanishwa penaliti wowe utemeranya nawe. Kujya impaka nawe ntacyo bihindura ku cyemezo cy'umusifuzi. Guhakana mu kinyapfura ni cyo cyonyine cyaba igisubizo cyiza.

Mu mikino myinshi, kutanyurwa ni ikibazo gikomeye. Iyo hari ikibazo kibonetse mu mukino, mu buryo bumwe, ni ngombwa kwiyambaza k'umuyobozi. "Umupira ni uwacu" " Yarimo kunkurira mayo". Ibyo biba mu isekonda rimw cyangwa abiri.

Kutanyurwa bitangira kuba nyuma y'icyemezo cy'umusifuzi. Ni igisubizo kitari cyo ku cyemezo, " Ese uri impumyi, wowe, umusifuzi" "ushobora kuba utari muzima".

Ibi bitandukanye no gusobanuza impamvu icyemezo cyafashwe cyangwa se kwakira icyemezo, ariko gusanga umuyobozi mu cyubahiro cye n'ijwi rituje ni ikintu gikunda kubura mu bakinnyi b'ibirangirire.

Ndashaka gutanga igitekerezo cy'uko ku bakristo b'abakinnyi kujya gusobanuza ari ibintu byemewe ariko kutanyurwa ntubikarenge umurongo. Abantu muri iki gihe babona kutanyurwa nk'ikintu kigize ubuzima ndetse n'imikino, ariko aha ni ahantu umukristo w'umukinnyi aba agomba kwerekanira itandukanirizo.

Mwibuke ko abayobozi aria bantu. Bagira imikino myiza n'imikino mibi. Nkuko nawe bijya bikugendekera!

Igitekerezo

Imyitwarire yanjye imbere y'umuyobozi igomba kuba: Ni gute nafasha abayobozi gutuma irushanwa rikorwa mu ituze aho kwibaza ngo ni gute nshobora kwivana mu mukino w'uyu munsi?

Impaka

Ni iki wavuga ku musifuzi nyuma y'umukino, iyo yahuye n'umukino uteye ubwoba?

Umukoro

Fata igihe cyo gushima Imana kandi ugerageze kumenyana n'abayobozi.

13. Kuganira n'umutoza

"….."

Abanyaroma 12.12

Nk'abakristo bitabira imikino, twemera ko uretse no kubikora, ni itegeko gusengera abakinnyi. Ariko ni gute dusenga?

Tugaragaze ubwa mbere ibitagomba kwitabwaho mu isengesho ryacu. Nta gusengane ubwikunde: " Nyagasani, reka ikipe yacu itsinde? " cyangwa " Nyagasani, reka ntsinde igitego kiduhesha kuzamuka mu marushanwa."

Isengesho ryacu rya mbere ryagombye kuba iryo gushima. Nk'abantu bakunda siporo, dukwiye gushima Imana kubw'ingingo z'umubiri wacu, zidufasha kujya mu marushanwa. Tugomba gushima Imana kubera inararibonye yacu mu mikino.

Sengera uruhare rwawe mu ikipe, kugirango ubashishwe gukina neza ndetse no gukoresha neza inararibonye yawe kubw'icyubahiro cy'Imana.

Senga kugirango imyitwarire yawe izire amakemwa. Hamwe no gusobanukirwa ko umutoza wawe ndetse n'abandi musangiye ikipe ari ingenzi, kina n'imbaragara zawe zose kubw'uwo umwe utaboneka waje kureba umukino.

Sengera umukino, kapitene w'ikipe ndetse n'ababyobozi b'ikipe. Sengera abayobozi b'umukino, kugirango Imana ibafungure amaso!

Senga kugirango umukino ube mwiza kandi unoze.

Senga kugirango ubashe kwakira gutsinda no gutsindwa mu buryo bumwe, nta guhungabanywa no gutsindwa, cyangwa gukina nabi, cyangwa kwicara ku ntebe y'abasimbura. Nta kwishyira hejuru, niba umukino wagenze neza, ahubwo ugaca bugufi uvuga uti: "Murakoze, ariko nk'umukristo, nzi ko ari Imana yampaye ubushobozi bwatumye mbasha gukina kuriya, mu kuri ntabwo nkwiye icyo cyubahiro."

Sengera abo musangiye ikipe ndetse n'ikipe muhanganye kugirango bashobore kubona, bitewe n'uko witwara nk'umukinnyi, ko ukorera Imana kandi ko ugendera mu bushake bwayo.

Sengera abo musangiye ikipe, muri rusange cyangwa buri wese by'umwihariko, kugirango abo cyangwa uwo Imana yashyize ku mutima wawe, mugire igihe cyo kuganira no gusangira ibyo kwizera.

Iyo urushye maze ukamara icyumweru ku kibuga nta mbaraga, biganire n'abandi mu itsinda maze ureke abandi bagusengere. Biroroha iyo ufite

itsinda rito rigusabira, ryiyemeza kugusengera wowe ubwawe ndetse n'undi cyangwa abandi bakinnyi babiri ugerageza gufasha mu by'umwuka. Itsinda nk'iri riragufasha kandi rikagufasha gushishikara kubera ko uba ugomba kurimenyesha uburyo ubuhamya bwawe n'abizera bashya butera imbere iyo icyumweru kirangiye.

Saba Umwuka Wera aguhindure umukinnyi w'akataraboneka mu ikipe, umutoza w'kataraboneka, umuganga cyangwa umwanditsi w'ikip w'agahbuzo. Fata umwanya, wiherere maze usenge. Ibyo nibyo wavukiye gukora.

Igitekerezo

Abahanga mu mibanire y'abantu basobanura ikibuga cy'imikino nk'urusengero rw'abantu bo mu isi ya none. Mu ayandi magambo, ikipe yacu ya siporo, ishobora kutubera urusengero, ahantu dushobora guhimbariza Imana.

Impaka

Kuki abantu batekereza ko utagomba gusengera ibyijyanye na siporo?

Umukoro

Senga buri gihe mbere yo kujya gusura ikipe yawe kugira ngo Imana igufashe kuba intumwa ikomeye ya Kristo. Saba Imana igushoboze kugira urukundo ku bantu bose muhurira ku kibuga; sabira umutoza ubwenge ndetse n'ubushishozi.

14. Hindura Siporo umurimo w'Ivugabutumwa

Mu mapaje ya nyuma, twagerageje kureba ku mpamvu n'uburyo dukwiriye gushishikarira siporo, kandi tukaba abakristo. None se ?

Ese ushobora gukina, gukora nk'umutoza cyangwa umusifuzi? Ukunda Kristo? Ushobora rero kwerekana itandukaniro igihe ushaka guhaguruka kubwa Yesu Kristo, hamwe n'inararibonye yaguhaye, uri ahantu uri ubu. Gute?

Intumwa Paulo yandikiye abakristo b'i Kolosi bishimiraga ko Imana " yatubohoye ituvana mu butware bw'umwijima, itujyana mu bwami bw'umwana wayo ikunda. Ni we dukesha gucungurwa ari ko kubabarirwa ibyaha". Iri ni ihame rikomeye kuri twe cyane cyane mu gihe tucyemera ko Yesu ariwe muyobozi w'ubuzima bwacu. Paulo yari yishimiye cyane no kwibona agiye guhagarira Kristo imbere y'ab'isi. Ibyo yabivuze muri make mu b'Abanyekolosi 4:2-6 avuga ati: "Mwese mugumye gusenga mubihugukiye, mushimira Imana."

Abanyakolosi 4:2.

Senga kugirango imitima y'abo dusangiye ikipe ihugukire ibya Kristo. Ese washobora kwitangira

gusengera ibyifuzo bya buri munsi bya bagenzi bawe batatu musangiye ikipe muri iyi minsi?

Senga mu buryo buhesha Imana icyubahiro haba ku kibuga n'inyuma yacyo. Cyangwa se ushobora kuba intumwa ya Kristo ubwo uzongera kuba uri kumwe n'ikipe?
Murajye mwitondera uko mwifata ku batazi Kristo, mukoreshe neza igihe ….. (5)

Gira icyo uvuga ku Butumwa Bwiza bwa Yesu Kristo. Ese ufite uburyo bwo kubahamiriza ibyo kwizera kwawe mu gihe cy'imyitozo?

Muhorane imvugo y'ineza ifitiye abantu akamaro, bityo muzamenya uko musubiza umuntu wese ugize icyo ababaza… (6)

Usibye no gushobora kwizera Kristo gusa, ahubwo ushobora no guhindura siporo aho ukorera umurimo w'Imana. Ushobora kwereka itandukaniro, usenga kandi wamamaze Kristo mu ikipe yawe.

Twavukiye gukina!

1. Ni ku wa Gatandatu !
2. Ese Imana ikunda Siporo ?
3. Imbere y'umufana utazwi !
4. Umurimo w'akataraboneka
5. Ikosa mu murimo
6. Gukora Siporo nk'uko Imana ibishaka
7. Ku murongo w'Itabaro
8. Ikipe
9. Byose kubera we
10. Umwe kuri bose
11. Murimbure!
12. Gukunda abayobozi: Ugomba kuba utari muzima !
13. Kuganira n'umutoza
14. Hindura Siporo umurimo w'Ivugabutumwa